

IMBONERAHAMWE IGARAGAZA SERIVISI ZIHABWA ABAGANA IBIRO BYA MITUWELI MU IKIGO CY'UBWITEGANYIRIZE MU RWANDA

SERIVISI	AHO WAYISABIRA	IGIHE	IBISABWA	IKIGUZI
KWISHYURA UMUSANZU W' UBWISUNGANE MU KWIVUZA MITUWELI	<ul style="list-style-type: none"> - SACCOs Ikoreshye ikoranabuhanga rya MobiCash - Ibiro by'Imirengere hakoreshyewe ikoranabuhanga ry'Irembo - Abahagarariye Irembo(Agents) - Abahagarariye MobiCash (Agents) - Gukoresha telephone igendanwa: *909# ugakurikiza amabwiriza 	Iminsi n'amasaha y'akazi rusange n'umwihariko kubatanga serivisi buri munsi	<ul style="list-style-type: none"> - Kuba ubaruye mu byiciro by'ubudehe - Kuba nibura indangamuntu y'uhagarariye urugo yanditse mu budehe kandi neza - Kwishyura umusanzu usabwa <p>Icyitonderwa:</p> <ul style="list-style-type: none"> ➤ Uwishyurira abantu benshi batabarurirwa mu rugo rumwe arabanza akageza urutonde rw'abo yishyurira ku ishami rya RSSB rimwegereye rukagenzurwa akabona kwishyura,inyemezabwishyu akayishyikiriza ishami rya RSSB rimwegereye ➤ Iyo mu bagize urugo hari abakoresha ubundi bwishingizi bw'indwara, mbere yo kwishyura umusanzu, uhagarariye urugo yegera ibiro bya Mituweli ku kigo nderabuzima yitwaje kopi y'amakarita yabo. ➤ Umunyamuryango agomba kuvugurura ubwishingizi bwe mbere y'uko umwaka wa Mituweli urangira. Iyo yishyuye akerekerewe afatwa nk'umunyamuryango mushya agategereza iminsi 30 kugirango avurwe uherye igihe yishyuriye umusanzu w'abagize urugo bose. 	Serivisi ntiyishyuzwa
ITANGWA RY'IKARITA YA MITUWELI	Ku biro bya Mituweli ku kigo nderabuzima	<p>Ku wa Mbere kugeza ku wa Kane (kuva 7:00-17:00)</p> <p>Ku wa Gatanu (kuva 7:00-17:00)</p>	<ul style="list-style-type: none"> - Kuba abagize urugo bose barishyuye umusanzu usabwa - Kuba utarafata indangamuntu - Amafoto abiri (2) magufi agaragaza isura neza 	Serivisi ntiyishyuzwa
KWIVUZA UKOreshye MITUWELI	<ul style="list-style-type: none"> - Ku kigo nderabuzima - Ku ivuriro ry'ibanze (Poste de santé) 	Ku wa Mbere kugeza ku Cyumweru	<ul style="list-style-type: none"> - Ugomba kuba ufite indangamuntu cyangwa ikarita yo kwivuzwa ya Mituweli kubatarafata indangamuntu kandi umusanzu w'abagize urugo bose warishyuye. - Kwandikisha urupapuro rwo kwivurizaho <p>Icyitonderwa: -Iyo uburwayi burenze ubushobozi bw'ikigo nderabuzima umurwayi yoherezwa ku bitaro by'Akarere. Ibitaro by'Akarere bishobora kohereza umurwayi ku bitaro by'Intara: Bushenge, Rwamagana, Kinihira na Ruhango cyangwa ku bitaro bikuru nka Kibungo, Ruhengeri, Kibuye, CHUB, CHUK, n'Ibitaro bya Gisirikare by'i Kanombe.</p> <p>-Iyo uburwayi burenze ubushobozi bw'ivuriro ry'ibanze (Poste de santé) umurwayi yoherezwa ku kigo nderabuzima.</p>	Inyunganirabwishyu ihwanye na 200frw ku ivuriro ry'ibanze n'ikigo nderabuzima cyangwa 10% y'ikiguzi cyose ku bitaro Icyitonderwa: - Umunyamuryango wa Mituweli ubarizwa mu cyiciro cya mbere cy'ubudehe ntacyo yishyura
KWEMEZA TRANSFERT IJYA KWIVURIZA MU BITARO BYITIRIWE UMWAMI FAISAL KU BANYAMURYANGO BA MITUWELI	Ku cyicaro gikuru cya RSSB	<p>Ku wa Mbere kugeza ku wa Kane (kuva 7:00-17:00)</p> <p>Ku wa Gatanu (kuva 7:00-17:00)</p> <p>Usubizwa bitarenze iminsi 7 ubusabe bwawe bwakiriwe.</p>	<ul style="list-style-type: none"> - Ibaruwa ibisaba - Kopi y'ikarita ya Mituweli/ Indangamuntu - Kopi ya transfert yatanzwe n'ibitaro bikuru bya Kibungo, Ruhengeri, Kibuye, CHUK, CHUB, Ibitaro bya Gisirikare I Kanombe - Byigwa na Komisiyo y'abaganga (Medical Committee) igisubizo kigatangwa mu nyandiko. <p>Icyitonderwa: Mu bihe bidasanze byihutirwa(Urgence) ibitaro nibyo bihamagara umuganga ngishwanama wa RSSB.</p>	
KWISHYURA IBIKORWA BY'UBUVUZI BYAKOREWE ABANYAMURYANGO BA MITUWELI	Ku cyicaro gikuru cya RSSB	<p>Ku wa Mbere kugeza ku wa Kane (kuva 7:00-17:00)</p> <p>Ku wa Gatanu (kuva 7:00-15:00)</p>	<ul style="list-style-type: none"> - Ibigo nderabuzima n'Ibitaro bishyikiriza umukozi wa RSSB Inyemezabuguzi za buri kwezi z'ibikorwa byakorewe abanyamuryango ba Mituweli. - Bitewe n'aho ivuriro rihereye, inyemezabuguzi yamaze gukorerwa ubugenzuzi inyuzwa ku ishami rya RSSB mu Karere akaba aribo bayohereza ku cyicaro gikuru - Inyemezabuguzi ziragenzurwa, zakemezwa zikishyurwa bitarengeje iminsi 30 uherye igihe yemeranijweho n'impande zombi. 	Serivisi ntiyishyuzwa
AMASEZERANO Y'UBUFATANYE N'AMAVURIRO	Ku cyicaro gikuru cya RSSB	<p>Ku wa Mbere kugeza ku wa Kane (kuva 7:00-17:00)</p> <p>Ku wa Gatanu (kuva 7:00-15:00)</p>	<ul style="list-style-type: none"> - Urwandiko rusaba ubufatanye na RSSB/Mituweli - Kuzuzwa ibisabwa byashyizweho na Minisiteri y'Ubuzima, Akarere na RSSB <p>Icyitonderwa: Urwandiko rusubizwa RSSB ibanje gusura iryo vuriro, nta vuriro ryishyura RSSB ridafatanye amasezerano nayo.</p>	